CPF INEZA

# INGUZANYO YO KUGEZA UMUSARURO W'UBUHINZI KU ISOKO UGIFITE UMWIMERERE WAWO

## IRIBURIRO:

Iyi nguzanyo itangwa mu rwego rwo gushyigikira ba rwiyemezamirimo biyemeje gushora imari mu bucuruzi bw'umusaruro w'ubuhinzi, ikabafasha: Kubona igishoro cyangwa gukora ishoramari bifasha mu kugura, guhunika by'igihe gito no kujyana umusaruro ku isoko. Hubahirizwa amabwiriza ku buryo burambye yo kurengera ibidukikije. Muri abo ba rwiyemezamirimo dushishikariza urubyiruko, abagore, n'abafite ubumuga kuyitabira

## ABO IGENEWE:

1. Abacuruzi barangura bakanagurisha umusaruro ukiri mubisi
2. Abashoramari bagamije gufata neza, guhunika no gukonjesha umusaruro ngo ugere ku isoko ugifite umwimerere wawo.
3. Abatwara umusaruro ukiri mubisi harimo n'abakoresha ibinyabiziga biwukonjesha
4. Abarangura umusaruro bakawohereza ku isoko mpuza mahanga.

## UMWIHARIKO:

1. Itangirwa ku nyungu nto:
   - 18% ku mwaka, ku makoperative cyangwa abanyamuryango bayo ndetse n'amatsinda y'abahinzi
   - 20% ku mwaka ku bahinzi ku giti cyabo
2. Iboneka mu gihe gito (Serivise nziza kandi yihuse)
3. Yishyurwa hashingiwe ku bushobozi bwo kwishyura (ku kwezi, ku gihembwe, ku musaruro)
4. kuva ku munsi 1 kugeza kumezi 6 bitewe n'imiterere y'umushinga
5. Igihe gihagije cyo kwishyura: Gishobora kugera ku mezi 48 bitewe n'imiterere y'umushinga.

## IBYO KWITABWAHO MU GUHANGANA N' IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE:

a. Gukoresha uburyo butangiza ikirere bwo gutwara no kubika umusaruro;
b. Kugura cyangwa gukodesha ibikoresho bipfunyika bitangiza ibidukikije.
c. Ububiko bukonjesha bukoresha imirasire y'izuba hamwe n'uburyo bwo kubika hakoreshejwe ibyuma bitangiza ikirere
d. Kugura cyangwa gukodesha imodoka zikoresha amashanyarazi, imirasire y'izuba, cyangwa izihuza ingufu zitandukanye (hybride) kugira ngo hagabanywe ingaruka ku bidukikije mu bwikorezi bw'umusaruro
e. Ubwishingizi ku bubiko bw'ibicuruzwa

## INGANO Y'INGUZANYO ITANGWA:

Umuntu ku giti cye, amatsinda, amakoperative, amasosiyete, ibigo n'abandi bose bari mu ruhererekanye nyongeracaciro bashobora guhabwa ageze kuri 35,000,000 Frw cyangwa akarenga bitewe n'ibipimo ngenderwaho

## IBISABWA:

1. Kuba ufite konti yo kubitsa ikora neza
2. Kuba warishyuye umugabane wose
3. Kuba ufite imyaka 18 kuzamura
4. Kuba ufite ingwate
5. Kuba utarambuye ibigo by'imari
6. Kwishyura ubwishingizi
7. Kubahiriza amahame y'ubuhinzi burambye kandi burengera ibidukikje

+250782553125 / +250788743637 info@cpfineza.rw info@cpfineza.rw